Nubwira mugenzi wawe uti: Ceceka, ku munsi wa Idjuma Imam ari gutanga inyigisho, uzaba ukinnye (mu iswala)

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nubwira mugenzi wawe uti: Ceceka, ku munsi wa Idjuma Imam ari gutanga inyigisho, uzaba ukinnye (mu iswala)."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko mu myifatire y'itegeko ikwiye kuranga umuntu ukurikiye inyigisho zo ku munsi wa gatanu (Idjuma) ari: Ugutega amatwi uri kuzitanga, kugira ngo uzitekerezeho, kandi ko uvuzemo kabone n'iyo byaba ijambo rimwe, Imam ari gutanga inyigisho akabwira mugenzi we ati: Ceceka cyangwa se akamubwira ati: kurikira inyigisho, uwo azaba ahombye ibyiza by'iyo swalat ya Idjuma.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3107